# 276: Data ngiye gusinzira

1. Data ngiye gusinzira :Ngwin' undind' iri joro, Umbundikiz' amababa, ibibi bitanzaho. (x 2)

2. Umbabarir' ibi byaha Nagukoreye none, Kand' Umwuka wawe wera Untere kukumvira. (x 2)

3. Kand' uryamish' amahoro Bene wacu n'inshuti Bato na bakuru bose, Ubarind' ubiteho. (x 2)

4. ineza yaw' iboneke Mu bababaye bose, Kand' ukenur' abakene, Abarway' ubakize. ( x 2)

5. Mwami, ndangije gusenga, Nsinzire nkwiseguye, Marw' ubwoba no kumenya K' undindish' urukundo. (x 2)

Visit us at indirimbo.com